Tel.: +250 783558414
E-mail: info@rtb.gov.rw
Website: www.rtb.gov.rw

**Kigali, 05/09/2022**
**No 936/RTB/2022**

- **Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose),**
- **Madamu/ Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)**

Madamu/Bwana Muyobozi,

<u>Impamvu</u>: **Gufasha abarimu bakeneye guhindura aho bakorera (Transfer/Mutation)**

Nshingiye ku iteka rya Perezida No. 064/01 ryo kuwa 16/03/2020 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu bo mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'Imyuga n'ubumenyingiro mu ngingo yaryo ya 54; igena uburyo bwo gusaba kwimurwa k'umwarimu.

Nshingiye ku ibaruwa No.884/RTB/2022 twabandikiye tubasaba imibare y'abarimu n'abayobozi b'ibigo by'amashuri ya Tekinike, Imyuga n' Ubumenyingiro bashya bazakenerwa mu mwaka w'amashuri wa 2021/2022;

Nejejwe no kubasaba gufasha abarimu bujuje ibisabwa bifuza guhindura ibigo bakoreragaho (Mutation/ Transfer) haba mu karere hagati cyangwa hanze y'Akarere kugira ngo igikorwa cyo gushyira abarimu bashya mu myanya kizakorwe iyi gahunda ya "Mutation/transfer yarangiye.

Gusaba guhindurirwa ikigo umwarimu yakoreragaho, bikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri link ikurikira: https://tvetmanagement.rtb.gov.rw/ bikazakorwa bitarenze ku wa gatanu tariki ya **09/09/2022**. Umwarimu wifuza guhindura igiko agomba gutanga ibaruwa isaba, ibaruwa imushyira mu kazi burundu, icyangombwa cyerekana aho atuye na fotokopi y'indangamuntu. Niba hari impamvu yihariye ituma asaba guhindura, asabwa gutanga ikibigaragaza (proof) mu byangombwa atanga (Ibyangombwa byose bigomba kuba biri hamwe kandi byashyizwe muri PDF)

Mu gihe haba hakenewe ubufasha cyangwa ibindi bisobanuro mwahamagara MAHORO Denyse kuri nimero: 0788386302.

Murakoze, mugire amahoro.

**Dipl.-Ing. UMUKUNZI Paul**
**Umuyobozi Mukuru / RTB**

<u>**Bimenyeshejwe**</u>:
- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ikoranabuhanga n'Ubumenyingiro
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Bwana Umunyamabanga uhoraho/MINEDUC